**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Urubanza N°: MICT-13-38-PT

Itariki: 11 Mutarama 2022

Umwimerere: Icyongereza

**URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO**

**Umucamanza:** **Iain Bonomy, Umucamanza utegura urubanza**

**Gerefiye:** **Abubacarr Tambadou**

**Itariki:** **11 Mutarama 2022**

**URUBANZA POROKIRERI**

**aburana na**

**FÉLICIEN KABUGA**

***INYANDIKO ITARI IBANGA***

# ITEGEKO RISHYIRAHO ITARIKI Y'INAMA NTEGURARUBANZA

**Ibiro bya Porokireri:**

Serge Brammertz
Rashid S. Rashid
Rupert Elderkin

**Avoka wunganira Félicien Kabuga:**

Emmanuel Altit

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NJYEWE**, **IAIN BONOMY**, Perezida w'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rw'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT"), nkaba n'Umucamanza utegura uru rubanza[1];

**MAZE KUBONA** Inyandiko y'ibirego, igenderwaho, yakorewe Félicien Kabuga[2];

**MAZE KUBONA KO**, nyuma y'aho Kabuga afatiwe mu Bufaransa ku itariki ya 16 Gicurasi 2020, ku itariki ya 26 Ukwakira 2020 yimuriwe by'agateganyo muri Gereza y'Umuryango w'Abibumbye ku Ishami ry'i Lahe, mu gihe agitegereje gusuzumwa na muganga birambuye kugira ngo hemezwe niba yashobora kwimurirwa ku Ishami rya IRMCT ry'Arusha, n'uburyo byakorwamo bidashyize ubuzima bwe mu kaga, kugira ngo aburanishwe[3], kandi ko isuzumabuzima ryerekeranye n'iki kibazo no kumenya niba yashobora kuburanishwa rigikomeje[4];

**MAZE KUBONA KO** umuhango wo kwitaba Urukiko bwa mbere wabaye ku itariki ya 11 Ugushyingo 2020 Kabuga ahibereye[5];

**MAZE KUBONA KO** imirimo y'inama ntegurarubanza yabaye hifashishijwe uburyo bwo guhererekanya inyandiko yasojwe ku itariki ya 6 Mata 2021[6] kandi ko n'amanama ntegurarubanza yahuje ababuranyi bahibereye yabereye ku Ishami rya IRMCT ry'i Lahe ku itariki ya 1 Kamena 2021 no ku ya 6 Ukwakira 2021[7];

**MAZE KUBONA KO**, hashingiwe ku Ngingo ya 69(A) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ("Amategeko"), inama ntegurarubanza itumizwa mu gihe kitarenze

---

[1] Itegeko rishyiraho Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo, 1 Ukwakira 2020, paje ya 1; Itegeko rishyiraho Umucamanza utegura urubanza, 29 Ukwakira 2020, paje ya 1.

[2] Inyandiko y'ibirego yahinduwe bwa kabiri, 1 Werurwe 2021 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga). Reba n'Icyemezo ku Cyifuzo cya Porokireri gisaba uruhushya rwo guhindura Inyandiko y'ibirego, 24 Gashyantare 2021, igika cya 22.

[3] Reba Icyemezo ku Cyifuzo cya Félicien Kabuga gisaba ko Urwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura bihindurwa, 21 Ukwakira 2020, ibika 2, 14, 15, 18; Itegeko ryo mu ikubitiro ryerekeranye n'isuzumabuzima rya Félicien Kabuga, 29 Ukwakira 2020, paje 1, 2.

[4] Nk'urugero, reba Itegeko ritegeka ko impuguke mu buvuzi yigenga ikora irindi suzumabuzima, 1 Ukuboza 2021 (Inyandiko y'ibanga), paje 1, 2 n'ibisobanuro byo hasi kuri paje.

[5] Reba Itegeko rishyiraho itariki y'umuhango wo kwitaba Urukiko bwa mbere, 8 Ugushyingo 2020, paje 3.

[6] Reba Itegeko risoza igikorwa cyo guhererekanya inyandiko mu rwego rw'inama ntegurarubanza, 6 Mata 2021 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka A na wo utari ibanga n'Umugereka B w'ibanga), paje ya 1. Iyo nama ntegurarubanza yabaye hifashishijwe uburyo bw'inyandiko kubera ingamba zikomeye zitegeka abantu kuguma mu rugo zikanabuza ingendo, mu rwego rwo kurwanya ikwirakwira rya Koronavirusi no kubera impinduka zari zabaye mu buzima bwa Kabuga. Reba Itegeko rishyiraho itariki y'inama ntegurarubanza, 13 Mutarama 2021, paje ya 2; Itegeko risubika inama ntegurarubanza, 26 Mutarama 2021, paje ya 1; Itegeko ryerekeranye n'igihe inama ntegurarubanza izatangirira n'uburyo izakorwamo, 9 Werurwe 2021 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka A na wo utari ibanga n'Umugereka B w'ibanga), paje 1-3.

[7] Reba Itegeko rishyiraho itariki y'inama ntegurarubanza, 7 Gicurasi 2021, paje ya 3; Itegeko rishyiraho itariki y'inama ntegurarubanza, 16 Nzeri 2021, paje ya 2.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

iminsi 120 uhereye ku itariki iheruka kuberaho, kugira ngo ababuranyi bungurane ibitekerezo, hasuzumwe aho imyiteguro y'urubanza igeze kandi uregwa ahabwe umwanya wo kubaza ibibazo bijyanye na rwo, harimo n'ibyerekeranye n'ukuntu ubuzima bwo mu mutwe no ku mubiri bwe bumeze;

**MAZE KUBONA KO** Kabuga ashobora guhitamo kwitaba Urukiko hakoreshejwe uburyo bw'amajwi n'amashusho cyangwa kwivutsa uburenganzira bwe bwo kuba ari muri iyo nama, aramutse ari byo ahisemo;

**NSHINGIYE** ku Ngingo ya 69(A) y'Amategeko;

**NTEGETSE KO** ku wa Kane tariki ya 3 Gashyantare 2022, saa munani n'igice z'amanywa, hazaba inama nteguraruhanza izahuza ababuranyi imbonankubone, ikazabera mu cyumba cy'iburanisha cy'Ishami rya IRMCT ry'i Lahe.

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 11 Mutarama 2022,

Arusha, Tanzaniya

**[Umukono]**

Iain Bonomy
Umucamanza utegura urubanza

**[Kashe ya IRMCT]**



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT